

## Gutera amacunga

Ucukura imyobo ku ntera ya m4 kuri m4 cyangwa m6 kuri m6 ya cm80 mu mbavu na cm80 z'ubujyakuzi-mu cyangwa m1 mu mbavu na m1 z'ubujyakuzimu bitewe n'ubwoko bw'ubutaka bwawe (buseseka cyangwa bumatira), ushyiramo ibiro 100 by'ifumbire y'imborera, ugasibanganya icyobo cyawe,

Ufata urugemwe rwawe, ugakuraho igihoho, ucukura akobo ka cm30 ugaterekamo rwa rugemwe rwawe warangiza ugasibanganya neza.

Iyo umaze gutera urugemwe rwawe, ururusasira,

## Gufata neza ibiti mu murima

ukaruvomerera iyo imvura itagwa; Imyanya isigara hagati y'ingemwe, ushobora kuyiteramo indi myaka y'igihe gito kandi bidacura urumuri ingemwe wateye, kugirango urwanye igihuru kandi ube ubona umusaruro igihe byabiti byawe bitaratangira kuguha umusaruro.



## Gukatira

Habaho amoko atatu yo gukatira ibiti Gukata bwa mbere: bikorwa igihe igiti kimaze gushamika, ugabanya umubare w'ibiti byashibutse ugasiga ibiti bigomba gutanga umusaruro ni ukuvuga ibiti 3, iyo igiti kimaze kugira cm100, ukata umutwe kuri cm70 uhereye ku butaka kugirango igiti gishamike neza.

Gukonorera (Taille d'entretien): Ukata ibisambo, amashami ashaje, ayumye, ayavunitse n'ari hasi cyane; uku gukata bikorwa nyuma yo gusarura

Gusazura (Taille de regeneration) : ikorwa iyo igiti kimaze gusaza, umusaruro utangiyeye kugabanuka; ukatira kuri cm 25 uturutse aho babanguririye

## Gufumbira

Ibiti by'imbuto ziribwa bikenera ifumbire cyane cyane ifumbire y'imborera; dushyiraho ibiro 100 ku giti; tugashyiraho amagarama 500 ya NPK ku giti .

Umusaruro wa mbere utangira kuboneka nyuma y'imyaka ibiri igiti gitewe, usarura kandi nyuma y'amezi atandatu kugera kuri arindwi nyuma y'ururabyo.

## Gusarura

Umusaruro ku giti ku mwaka ni ibiro 75, mu murima wafashwe neza

## Indwara

Indwara ikunze kuzahaza ibiti by'amacunga, indimu na mandarine ni iyitwa "cercosporiose" ikaba iterwa n'uduhumyo; igiti cyafashwe ukibwirwa n'ibidomo by'ikijuju ku mababi no ku mbuto ndetse bigahunguka iyo utayirwanije vuba. Mu kuyirwanya utera umuti urwanyanya uduhumyo (fungicide) nka "oxychlorure de cuivre, Lido-mile,..."

## Udukoko

Ibi bita bikunze kurwara udukoko cyane, mu kuturwanyanya twifashisha imiti irwanyanya udukoko nka "Diméthoate, Sumithion, Kohinor,



REPUBURIKA Y'U RWANDA



IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)

ISHAMI RY'IMBUTO, IMBOGA N'INDABO (HORTICULTURE)

## TUMENYE GUHINGA AMACUNGA



Aho wabariza:

RAB  
IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE  
GUTEZA IMBERE UBUHINZI  
N'UBWOROZI (RAB)

Kigali - Rwanda

## INTANGIRIRO

Amacunga n'imbuto iribwa ikomoka muli Chine an Inde. Amacunga yera mu duce tw'imisozi migufi n'iciritse. Amacunga akize ku myunyu no kuri vitamini cyane cyane vitamin C

## Aho amacunga akunze guhingwa

Amacunga ahingwa ahantu hari ubutaka bufite isi ndende, bufata amazi kandi buhitisha amazi n'umwuka, ubusharire( pH) buri hagati ya 5-8, akunda kandi ahantu hafite ubushyuhe buri hagati 20-30oc.

## Gutegura imbuto zo guhumbika

Bahumbika imbuto z'indimu za Kinyarwanda (*Citrus lemon*). Bazikura mu mbuto zeze neza kandi ku biti bitarwaye, bazironga neza, bakazanika ku zuba ritari ryinshi, birinda kuzumisha cyane.

## Guhumbika no kugemura

Umuhinzi ahumbika mu butaka bwiza bufumbiye, buhitisha amazi n'umwuka.

Umurama wateguwe neza ushyirwa mu buhumbikiro, ku mirongo itandukanijwe na cm 10, barenzaho agataka gake bagashyiraho n'ibyatsi kandi bakavomerera buri muni.

Nyuma y'amazi atandatu, bagemuria mu bihoho, bakajya bakuraho ibisambo kuri rwa rugemwe bifuzwa kubanguriraho, bavomerera iminsi yose.

## Kubangurira

Kubangurira bikorwa nyuma y'amezi atandatu uhereye igihe ingenwe zashyirirwe mu bihoho. Bahitamo ingemwe zo kubangurira nziza kandi zitagaragaraho uburwayi.

Uburyo bukunze gukoreshwa mu kubangurira amacunga ni uburyo bwo kubangurira mu rubavu hakoreshejwe ijisho

## Uko bikorwa

Ukura ijisho witonze ku gashami wakuye ku bwoko wahi- semo usha guhinga. Nyuma baca inyuguti ya T mu rubavu rw'urugemwe bashaka kubangurira, bakegura igishishwa bitonze maze bakinjizamo rya jisho. Bahita bahambiriza ishashi icyo gikomere birinda gupfuka ijisho.

Igihe ijisho rimaze guturika, rwa rugemwe wabanguriyeho urukata umutwe kuri cm15 uturutse aho wabanguriyeho.

ibisambo bivuka ku rugemwe rwabanguriyeho bikurwaho.



Urugemwe rwo kubanguriraho




Agashami kavanwaho amaso yo kubangurira



Gukura ijisho ryo kubangurira



Gukata inyuti ya T, aho twinjiza ijisho



Kwinjiza ijisho



Guhambira



Ijisho rimaze guturika



Urugemwe rubanguriye

## Igihe cyo gutera amacunga

Igihe cyiza cyo gutera amacunga ni umuhindo, ni ukuvuga mu mezi ya Nzeli, Ukwakira n'Ugushyungu. Ibi bituma ingemwe zibona amazi ahagije igihe kirekire.